

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAMU JEANNETTE KAGAME
MU BIRORI BYO KWIZIHIZA UMUNSI MPUZAMAHANGA
W'UMUGORE, NO GUTANGIZA UBUKANGURAMBAGA BWO
GUTEZA IMBERE UBURERE N'UBUREZI BW' UMWANA
W'UMUKOBWA.**

Nyamasheke, Ku wa 8 Werurwe 2019

Ba Nyakubahwa ba Ministiri,

Nyakubahwa Guverineri w' Intara y'Uburengerazuba,

**Mayor w'Akarere ka Nyamasheke, n'Abayobozi b'Utundi turere
tugize iyi Ntara,**

Bayobozi b'Ingabo na Polisi,

Bayobozi Bakuru mu nzego zitandukanye,

UN Resident Coordinator,

Esteemed Partners,

Bashyitsi bahire,

Baturage b'Akarere ka Nyamasheke by'umwihariko abatuye

Umurenge wa Kagano,

Babyeyi, Bana bacu mwese muri hano,

Muraho neza!

Mbanje kubasuhuza no kubifuriza umunsi mwiza wahariwe
Umugore.

Nk'uko byagarutsweho n'abambanjirije, insanganyamatsiko y' uyu
mwaka iragira iti “***Dufatane Urunana, Twubake Umuryango
Utekanye***”.

Mu Rwanda twagize amahirwe, Ubuyobozi bwacu buharanira kubaka ubushobozi bw' umugore, duhereye cyane cyane ku bakiri bato.

Niyo mpamvu akenshi, uyu munsi tuwuhuza no ***gucyeeza*** “***Inkubito z'Icyeza***” – Bakaba ari abana b'abakobwa batsinze neza mu bizamini bisoza ibyiciro by'amashuri bitandukanye.

Mumfashe dushimire aba bakobwa, ari aba 27 turi kumwe hano ndetse n'abandi bazahemberwa mu tundi turere!

Munyemerere ngaruke ku nsanganyamatsiko y'uyu mwaka: Iyo tuvuga umuryango utekanye, si ukuvuga gusa umuryango utuye ahatari intambara cyangwa amakimbirane.

Umuryango utekanye, ni ufite imibereho myiza muri rusange:

- Ni umuryango wateguwe, kandi nawo ukaba wariteguye kubana neza;
- Ni umuryango, abawugize basobanukiwe ko u Rwanda ruhera mbere na mbere muri bo;

- Ni umuryango, usobanukiwe kandi ko “**Umwana ari ishema ry’Umuryango**”! Bityo ugafata icyemezo cyo kubyara abo ushoboye kurera, n’igihugu gishoboye kwitaho. Bakarindwa kugwingira, bakaba abana batekanye, bakura neza maze bakarangwa n’ ubumenyi kuko twabubahaye nk’umuryango! Nk’uko mubizi “**Ntawe usarura aho atabibye**”.
- Ni umuryango usobanukiwe akamaro ko guha abana b’abahungu n’abakobwa amahirwe angana;
- Ni umuryango uha agaciro ibiganiro hagati y’abawugize, haba mu bijyanye n’ubukungu, imibereho myiza ndetse n’ibindi byemezo;

Nkomeje uru urutonde rwaba rurerure, ariko ndizera ko twese ntawe utifuza umuryango umeze nk’uyu.

Nk’uko natangiye mbivuga, ntitwakwizihiza umugore, ngo tureke kuvuga umwana w’umukobwa. Kuko niwe uzavamo inkingi y’umuryango utekanye afatanyije na mugenzi we w’umugabo.

Impamvu **gucyeeza** aba bakobwa bikorerwa mu ruhame, ni ukugira ngo dutere imbaraga abatsinze, ariko n’abagifite ibibazo byo kwiga cyangwa gutsinda neza babonereho urugero rwiza.

Ni n’umwanya wo kongera kuganira, ku bibazo bikibangamira imyigire y’abana bacu cyane abakobwa, tukabishakira umuti.

Bana bacu, Inkubito z’Icyeyeza

Nongeye kubashimira, kuba mwaratsinze neza amasomo yanyu. Amanota meza mwabonye, muyakesha kwiga cyane, uburere n’uburezi bwiza, mubikomeze kandi mubitoze n’abandi.

Ubwo mwagize amahirwe yo gukurira mu gihugu giha amahirwe angana abantu bose, twizera tudashidikanya ko muzakomeza iri hame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye bityo mukera imbuto nziza z’umuryango ushyize hamwe.

Babyeyi, Bayobozi, Bafatanyabikorwa bacu,

Umunsi Mpuzamahanga w’Abagore, udufasha kongera kuzirikana intambwe igihugu cyacu kimaze kugeraho mu iterambere ry’Umuryango n’Igihugu muri rusange.

Gahunda ya Guverinoma yacu y'imyaka 7, ifite intego yo **“Kugira Umunyarwanda ushoboye, ufite ubumenyi, ubuzima bwiza, kandi ubayeho neza mu muryango utekanye”**. Murumva rero ko dufite uruhare rukomeye mu kubaka uyu Munyarwanda.

Umwaka ushize ubwo twari mu gikorwa nk'iki mu Karere ka Nyabihu, hari ibyo twari twaganiriyeho ndetse tubitahana nk'umukoro.

Nagira ngo twongere tubyibukiranye, kuko ni ibibazo bitwugarije nk'umuryango muri rusange:

Umukoro wa mbere wari uwo gushaka umuti w'ikibazo **cy'abangavu baterwa inda**, ingaruka bibagiraho haba mu gihe cyo kubyara, ndetse no kurera abana babakomokaho.

- ❖ Mu gushaka umuti, dukomeze gutekereza ku muzi w'iki kibazo, duhereye no ku bantu babatera inda, baba bagenzi babo bangana cyangwa se n'abagabo bakuze tujya twumva.

Umukoro wa kabiri wari ujyanye no gukemura **ikibazo cy'isuku nke mu muryango**.

- ❖ Dukomeze gutoza isuku abana bakiri bato, tubifashijwemo na ba Mutima w'Urugo, bityo abana bazakure nabo babiharanira.

Umukoro wa gatatu wari ujyanye **n'ikibazo cy'imirire mibi, igwingira no kutumva neza Gahunda Mbenezamikurire y'Abana bato.**

- ❖ Birakwiye ko dukomeza gushyira mu bikorwa inama tugirwa, mu kurwanya igwingira ry'abana, tukitabira Gahunda Mbenezamikurire y'abana bato yashyizweho n'ubuyobozi bwacu.

Umukoro wa kane wari ujyanye **no gucyemura amakimbirane mu muryango.**

- ❖ Nagira ngo nsabe by'umwihariko Incuti z'Umuryango, Gahunda z'Iyobokamana zitandukanye, Abunzi, Ababyeyi b'abagabo n'abagore twese hamwe, dufatanyije dushake umuti urambye w'iki kibazo.

❖ Twite cyane ku biganiro bigenerwa abasore n'inkumi mbere yo gushyingiranwa, tubategure maze bagire, kandi babyarire mu muryango utekanye.

Mu byegeranyo bikorwa cyane cyane mu burezi, dusanga inzira ikiri ndende. Niyo mpamvu nifuje kongera kwibutsa no gushimangira inkingi eshatu twihaye kuva twatangira ubu bukangurambaga, arizo: Kugana ishuri, Gusozwa ibyiciro byose biteganyijwe no Kuba indashyikirwa mu gutsinda neza.

Dushimishwa n'uko umubare w'abagana ishuri ugenda wiyongera kubera uburezi bw'ibanze bw'imyaka cumi n'ibiri bwegerejwe ababyeyi n'abana.

Ariko turacyakeneye gushyira ingufu mu ireme ry'uburezi, kurangiza ibyiciro byose kandi abana bakaba abahanga bagatsinda neza.

Ibyo twishimira ndetse n'ibyo tugikeneye kwitaho no gukemura, byose ntitwabyishoboza twenyine, munyemerere nshimire kandi ngire icyo mbwira bamwe mu bafatanyabikorwa bacu, mu rurimi bumva.

Dear Partners,

It is once again a pleasure and honour to have you here with us today. As we gather each year to celebrate the International Women's Day, as well as award the Best Performing Girls, it is also an opportunity to look back and celebrate the success we have gained in protecting and promoting women and girls in Rwanda.

Your partnership and support of our programmes and campaigns, over the years, and in many ways, has a significant contribution to the young girls' confidence building and good performance.

Despite the success that we can all attest to, a deeper analysis of current statistics still tells us that a lot more needs to be done.

As you all remember in this campaign we started together more than a decade ago, we still aim to ensure full **Enrolment**, **Retention** and **Excellence** in performance. I am confident, that together, we can these objectives and ensure lasting impact in the lives of our girl child and women.

Ngana ku musozo, ndifuza kubagezeho ubu butumwa bwihariye:

Babyeyi, turi mu mwaka tugiye kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi, tunazirikana Kwibohora kw'Igihugu cyacu. Nifuza kubibutsa ko Umuryango, ni irerero rya mbere ryigisha umuntu gukunda igihugu no guharanira ubumuntu.

Dutinyuke kuganira n'abana bacu kuri iyi ngingo, tubabwize ukuri, aho tutabishoboye twifashishe abandi babyeyi cyangwa ababizobereyemo. Tubatoze kandi indangagaciro zo kugunda igihugu no kurwanya ikibi icyo ari cyo cyose. Bityo dukomeze kuba mu gihugu cyiza n'umuryango utekanye.

Barezi dufatanya kurera abana bacu, mfashe uyu mwanya ngirango mbashimire kubera ubwitange n'urukundo mukorana umurimo wanyu. Muri twese, ntawe utaranyuze mu biganza byanyu. Dushima cyane rero, umurimo mukora n'imbuto mweza zubaka u Rwanda.

Bana Bacu, Abahungu n'Abakobwa namwe ndabibutsa ko ari mwebwe duhanze amaso nk'abagize umuryango w'ejo. Mukomeze gukorana umwete kandi mwongere ubumenyi munakomeza kubera bagenzi banyu urugero rwiza.

Bayobozi bacu, umuryango niwo shingiro ry'igihugu. Dufite inshingano rero zo kuwuherekeza, mu cyerekezo twihaye cyo kubaka Umunyarwanda ushoboye, ubayeho neza kandi utekanye.

Nsoza, ndashimira kandi ubuyobozi ndetse n'abaturage b'Akarere ka Nyamasheke, by'umwihariko abatuye Umurenge wa Kagano. Mwakoze kutwakira neza.

Twese nk'Abanyarwanda, dukomeze kwitabira ibikorwa bijyanye n'ukwezi kwahariwe iterambere ry' umugore nk'uko byateguwe n'inzego zibifite mu nshingano.

“Dufatane Urunana, Twubake Umuryango Utekanye”

Murakoze, Mugire Amahoro!